# UMWIHERERO W'ABAPADIRI BA DIYOSEZI YA NYUNDO

Guhera tariki ya 17 kugeza 22 na 24 kugeza 29 Nzeli 2018 Abapadiri bagize Presbyterium ya Diyosezi ya Nyundo bagize umwiherero nk'uko bisanzwe biba buri mwaka. Uwo mwiherero wabereye i Kigufi, uba mu matsinda abiri nk'uko bigaragara ku matariki. Uwo mwiherero watanzwe na Padiri Jérome MASINZO, Umupadiri wa Diyosezi ya Butare ukorera ubutumwa bwe mu Seminari nkuru ya Nyumba i Butare. Uwo mwiherero wibanze ku nsanganyamatsiko igira iti **: Ukwemera ni urugendo, urugero rwa Musa kuva akivuka kugeza apfuye. Int 7,20-40.** Mu gutanga umwiherero Padiri yibanze cyane guhuza ubuzima bwa Padiri n'urugendo rw'ukwemera Musa yakoze we ubwe akagera n'ubwo arukorana n'umuryango w'Imana yamutoreye kuyobora mu bihe byiza no mu bihe bikomeye. Nibwo yakurijeho kutubwira ko urugendo rwacu rw'Ukwemera turukora buri munsi natwe turi kumwe n'Umuryango Imana yaduhaye kuyobora. Kandi urwo rugendo tukaba tuzarusoza kumwe nabo mu Bwami bw'Ijuru.

**-**

Ubwo twari muri Groupe ya kabiri Padiri MASINZO asoza umwiherero, yashimiye Umwepiskopi wa Diyosezi ya Nyundo ukuntu yabanye n'abapadiri be kuva umwiherero utangira kugeza urangiye. Padiri ati nabibonyemo ikimenyetso cyiza cy'ubumwe buranga Umwepiskopi n'abasaseridoti be.

Nyiricyubahiro Musenyeri Anaclet MWUMVANEZA, yashimiye Padiri MASINZO ko yemeye kuboneka umwanya wose yasabwe wo kubana n'Abapadiri ba Diyosezi ya Nyundo mu mwiherero; yamushimiye inyigisho yatanze, n'uko yagiye ayihuza n'ubuzima bwacu tubamo nk'abapadiri. Yamushimiye ubwitange yagaragaje abitegura kandi amusaba ko mu gihe gikwiye Diyosezi ya Nyundo niyongera kumwiyambaza azemere kudufasha.

Yarangije amwifuriza ubutumwa bwiza aho akorera umurimo wo kurera abazaba abasaseridoti, amusaba gusuhuza n'abasaseridoti babana. Twakomeje tujya mu Gitambo cya Missa gisoza.

**Padiri Jean Marie KWIZERA**